
# Ese koko iyi si iyoborwa na Illuminati ? (Igice cya kane)



*Nyuma y'inkuru 3 nanditse kuri Illuminati, abantu benshi bazivuzeho ibintu bitandukanye. Bamwe bavuze ko batunguwe kubera ko bwari ubwa mbere bumva ibintu nk'ibyo, abandi bo barananyunganira bongeraho ibyo ntari nashyizemo kuko nari nabyibagiwe cyangwa nashakaga guhina ngo bitaba byinshi. Hari n'abandi bibajije ibibazo bitandukanye kandi byumvikana, nk'abibazaga ukuntu ibintu nk'ibyo byaba bizwi kandi Illuminati ari secret society, n'ibindi.*

Kanda hano ubanze usome igice kibanziriza iki.

Mbere y'uko nakwandika igice cya nyuma kuri ibi byerekeye Illuminati, ndagirango nsobanure ibintu bimwe na bimwe bibanze byumvikane neza. Icya mbere ni uko kuba Freemasonry, Skull and Bones, Rosae Crucis (Rose-Croix) n'indi miryango itandukanye ari imiryango ishingiye ku ibanga rikomeye (secret society) bitavuze ko ibyo bakora cyangwa intego zabo zitazwi. Nka Freemasonry yo rwose irazwi cyane, ndetse na bamwe mu bayirimo bagiye bayandikaho ibitabo, aho bavugamo amwe mu mahame n'intego zabo, ariko ntibavuga ibyerekeranye n'amabanga yabo. Muri izo ntego zabo rero harimo gufasha umuntu kuba nyamwigendaho, akagera ku bwenge buhishe abantu basanzwe kandi akazajya abasha gukora ibikorwa birenze abantu, ibyo bamwe bita magie, abandi bakabyita ibitangaza. Abahanga mu by'amadini bavuga ko iyo ntego ya Freemasonry ihuye na bya bindi byo muri Bibiliya aho inzoka yabwiye Eva ko narya ku giti kibujijwe azamenya ubwenge buhambaye ngo 'Imana itashakaga' ko bo n'umugabo we bamenya…

Birumvikana ko kuba muri Freemasonry bakora ibintu byabo mu ibanga bituma bavugwaho ibintu byinshi wenda bishobora kuba bitari nabyo, ariko jye nagarukiye ku kuvuga ishusho rusange gusa nta kindi.

Nanone kandi kuvuga ko ikintu ari secret society ntibivuze ko ibintu byose bibera mu bwiru.

Mu Rwanda abantu babandwa kera bafatwaga nk'abantu bihariye, bafite amabanga yabo bemera (nicyo secret society nyine). Babaga bafite imigenzo yabo (nko kutarya imbogo kuko ariyo yishe Lyangombe), utayikurikiza akitwa inzigo. Baratinywaga, ariko rimwe na rimwe ibyo bakora bigasuzugurwa kandi n'ubu niko bimeze. Umwami ntiyabandwaga kuko yabifataga nk'ibintu bidafashe, bidashobora gukorwa na Nyir'u Rwanda. Kuri ubu hari ibitabo byinshi bivuga ku kubandwa, uburyo bikorwa, ariko ntibivuze ko bibuza ababandwa kuba secret society ya Kinyarwanda.

Ikindi ni uko hari bamwe bagize ikibazo ku bimenyetso bya Illuminati navuze nka mpandeshatu, ikimenyetso cy'amahembe n'ibindi. Aha namenyeshaga bamwe babyumvise nabi ko n'ubwo ibyo ari ibimenyetso bya Illuminati, Freemasonry, Kabbalah (igitabo cy'abayabudi kivuga ubuhanga buhishe harimo na magie, ubupfumu, n'ibindi) bitavuze ko nubona inzu ya mpandeshatu nyirayo azaba ari muri Illuminati…

Ikimenyetso cy'intoki 2 kizwi ko ari icy'abantu biyambaza Shitani (Satanists). Aba bo ntibihishira kuko no kuri internet bafite websites zirusha ubwinshi kure iz'abakristu, bafite ibitabo byabo, insengero zabo ndetse na Bibiliya yabo (The Bible of Satan yanditswe na Anton LaVey, tuzaba tubigarukaho). Muri make barazwi, kandi icyo kimenyetso bagikora mu mihango yabo itandukanye nk'ubukwe, gushyingura umwe muri bo n'ibindi.




**Anton LaVey washinze The Church of Satan akora ikimenyetso cy'amahembe**

Iki kimenyetso cyafashwe (adopted) n'abaririmbyi ba rock, nyuma kiza kuba icy'abasitari bose, ndetse n'abo mu Rwanda bamwe baragikora. Ibi rero ntibivuze ko umuhanzi nyarwanda ubikoze aba abaye umu Satanist cyangwa umu Illuminati, ariko aba agikoze

yirengangije aho cyavuye, icyo kivuga n'ingaruka zo kugikora… Aha nagirango nsubize ababaza niba ukora ibi n'ibi wese aba ari muri Illuminati, kugeza n'aho hari abibaza ku banyarwanda.

Ku bahanzi bavuzwe ko bari muri Illuminati bavugwaho gukorana na Freemasonry no kuba bayirimo. Nko kuri Kanye West birazwi ko abamukorera clips ze ari aba freemasons (n'ubwo Freemasonry ikorera mu ibanga abayirimo baba bazwi kandi banabyemera), kandi kubera ko izo clips tuzikunda ntiyabahindura kuko ntawe uhindura ikipe itsinda.

Naho ubundi ibimenyetso byo ni byinshi umuntu ntiyabivuga ngo abirangize, bikaba bigaragara ahantu hose ku mashusho amateleviziyo, ibyo turya n'ibyo tunywa (Coca Cola) n'ibindi.

Kumenya amakuru ya Freemasonry biroroshye kuko ibyabo byinshi byandikwa nabo ubwabo. Gusa no kuri Illuminati hari byinshi byabanditsweho n'abayivuyemo nka Fritz Springmeier wanditse ibitabo byinshi (nzagarukaho), na John Todd watanze ubuhamya mu nsengero n'amakoraniro bitandukanye. Ibi birasubiza uwari wambajije uko umuntu yamenya iby'aba Illuminati atarimo. Aha ariko mu nkuru ya mbere nanditse nari navuze muri bimwe nifashishije ngo mbashe kubyandika, akaba ari nayo mpamvu ari byiza kubanza gusoma ibice byabanje kugirango utaza kubaza ikibazo wagombye kuba waboneye igisubizo mbere... Ikindi ni uko mu nkuru ya nyuma nzatanga ibyifashishijwe (references) bihagije, byaba amazina y'ibitabo, ama links ya internet n'ibindi.

Ikindi wenda ntavuze mbere ni uko aba Illuminati ari abarondaruhu (racists) b'intagondwa, cyane cyane mu kwanga abirabura, abarabu n'abandi. Aha ariko nababwira ko muri groups zishamikiye kuri Illuminati nka Freemasonry, Skull and Bones habamo abantu b'amoko yose n'amadini yose ndetse aba Illuminati bashobora gukoresha abatari abazungu mu nyungu zabo, ariko mu buyobozi bukuru bwa Illuminati ni abazungu b'umwimerere batavangiye gusa ! Mu ba Illuminati bamenyekanye harimo abagome b'aba racists nka Hitler, Goebbels n'abandi bayobozi bakuru b'abanazi.

http://www.igihe.com/politiki/amakuru-124/ese-koko-iyi-si-iyoborwa-na-illuminati-igice-cya-kane.html